Amahugurwa ya gisirikare ashobora gutangwa na guverinoma y'u Rwanda, igihugu cyangwa ikigo cy'amahanga hakurikijwe amasezerano y'ubutwererane ari hagati y'impande zombi. Amahugurwa yemezwa na Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze bisabwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo.	Military courses may be organized by the Government of Rwanda or by a foreign country or institution in accordance with an agreement between the two parties. Military courses shall be decided by the Minister in charge of defence forces upon proposal by the Chief of Defence Staff.	Les stages de formation militaires peuvent être organisés par le Gouvernement Rwandais ou par un pays ou établissement étrangers, conformément à un accord passé entre les deux parties. Les stages de formation militaires sont décidés par le Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions sur proposition du Chef d'Etat Major Général.
Article 59: Inyigisho zisanzwe	**Article 59: Formal education**	**Article 59 : Enseignement scolaire et universitaire**
Inyigisho zisanzwe mu Ngabo z'u Rwanda zigomba gushyigikirwa mu rwego rwo guteza imbere ubushobozi bw'Ingabo muri rusange n'ubw'umusirikare ku giti cye.	Formal education shall be promoted within the Rwanda Defence Forces in order to strengthen both institutional and individual capabilities.	L'Enseignement scolaire et universitaire est encouragé au sein des Forces Rwandaises de Défense afin de renforcer les capacités institutionnelles et individuelles.
Ubumenyi bukenewe mu Ngabo z'u Rwanda nibwo bwitabwaho mbere hatirengagijwe ariko no kuzamura ubumenyi bwagirira akamaro Ba Ofisiye, ba Su-Ofisiye n'Abasirikare Bato.	Institutional needs shall always take priority, while self-development of Officers, Non Commissioned Officers and Troops shall be encouraged.	Même si l'auto-développement des Officiers, Sous-officiers et hommes de troupes est encouragé, les besoins de l'institution ont toujours la priorité.
Uburyo inyigisho zisanzwe zikurikiranwa bugenwa na Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze.	Modalities for undergoing formal education shall be determined by the Minister in charge of defence forces.	Des modalités pour l'enseignement scolaire et universitaire sont déterminées par le Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

Ingingo ya 60: Ibigenerwa abari ku mahugurwa

Umusirikare wese ukurikirana amahugurwa agumana uburenganzira bwe bwose ku bijyanye n'umushahara, kuzamurwa mu ntera n'uburambe mu kazi.

Article 60: Rights of soldiers undergoing courses

Any soldier while attending a course shall maintain his/her rights as far as salary, advancement and seniority are concerned.

Article 60 : Droits des militaires en stage

Tout militaire en formation conserve ses droits à l'avancement de grade, de traitement et de catégorie ainsi qu'à l'ancienneté de grade.

Akiciro ka ka 4 : Guhagarika umurimo by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi

Sub-section 4: Suspension of activity of activity due to sickness

Sous-section 5 : Suspension d'activité pour cause de maladie

Ingingo ya 61: Uguharika umurimo by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi n'Igihe bimara

Uguharika umurimo by'agateganyo ni igihe umu ofisiye, Su-ofisiye cyangwa Umusirikare muto yabuze ku kazi mu gihe kirenze amezi cumi n'umunani bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga bwemejwe n'umuganga wemewe n'amategeko.

Uguharika umurimo by'agateganyo ntibirenga amezi cumi n'umunani (18).

Article 61: Temporary suspension of activity due to sickness and the duration of the suspension

Temporary Suspension of activity means the period when any officer, Non-Commissioned Officer or Trooper is placed for the duration of absence exceeding eighteen (18) months due to any sickness or infirmity justified by a medical certificate issued by a Government doctor.

The duration of temporary suspension of activity due to sickness shall not exceed eighteen (18) months.

Article 61 : La suspension d'activité pour cause de maladie et la durée de cette suspension

La suspension d'activité pour cause de maladie signifie une situation où un Officier, Sous-officier ou homme de troupe est absent du service pendant une période excédant dix-huit (18) mois suite à une maladie ou à une invalidité confirmée par un médecin du Gouvernement.

La durée d'une telle suspension d'activité ne peut excéder dix-huit (18) mois.

Ingingo ya 62: Uburenganzira bw'umusirikari wahagaritswe by'agateganyo kubera uburwayi

Umu ofisiye, umu su-ofisiye cyangwa umusirikare muto wahagaritse umurimo by'agateganyo aba afite uburenganzira ku bijyanye n'izamurwa mu ntera n'urwego abarirwamo, ku mushahara n'uburambe ku murimo.

Article 62: Rights of soldier in temporary suspension due to sickness

Any Officer, Non-Commissioned Officer or Troop under temporary suspension of activity shall be entitled to advancement as regards promotion in rank and class as well as remuneration and seniority.

Article 62 : Droits d'un militaire en suspension temporaire pour cause de maladie

Tout Officier, Sous-officier ou homme de troupes en suspension d'activité a droit à l'avancement en ce qui concerne la promotion en grade, ainsi qu'à la rémunération et à l'ancienneté.

Ingingo ya 63: Kurangira ku ihagarika ry'umurimo by'agateganyo

Iyo uguharika umurimo by'agateganyo birangiye, ofisiye, Su-ofisiye cyangwa umusirikare muto agaruka mu kazi iyo yakize cyangwa agasezererwa mu gisirikare hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 89 y'iri teka.

Article 63: Termination of temporary suspension of activity

When temporary suspension of activity terminates, the Officer or Non-Commissioned Officer and Troops shall either be reintegrated into activity after he/she has fully recovered or discharged in conformity with Article 89 of this Order.

Article 63 : Fin de la suspension d'activité

A la fin de la suspension d'activité pour cause de maladie, l'Officier, le Sous-officier ou homme de troupes sorti de l'hôpital entièrement récupéré est réintégré en activité où il est réformé conformément aux dispositions de l'article 89 du présent arrêté.

Ingingo 64: Umutegetsi ufite ububasha bwo guharika by'agateganyo ku murimo kubera uburwayi

Uguharika umurimo by'agateganyo bitangwa na Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze bisabwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo.

Article 64: Competent authority for deciding temporary suspension of activity for sickness

Temporary suspension of activity shall be decided by the Minister in charge of defence forces on proposal by the Chief of Defence Staff.

Article 64 : Autorité compétente pour décider la suspension d'activité pour cause de maladie

La suspension d'activité pour cause de maladie est octroyée par le Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions sur recommandation du Chef d'Etat Major Général.

Icyiciro cya 2 : Uguhagarikwa ku kazi kubera amakosa cyangwa icyaha

Ingingo ya 65: Guhagarikwa ku kazi bitewe n'imyitwarire mibi

Guhagarikwa ku kazi bitewe n'imyitarire mibi ni igihe ofisiye, su-ofisiye cyangwa umusirikare muto yahagaritswe by'agateganyo ku kazi bitewe n'imyitwarire ye itandukanye n'amategeko agenga igisirikare.

Uburyo ihagarikwa ku murimo kubera impamvu z'imyitwarire mibi rikorwamo buteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze.

Ingingo ya 66: Ihagarikwa ritewe no gukurikiranwaho icyaha

Umusirikare wese ukurikiranyweho icyaha ahagarikwa ku kazi iyo:

1 º yafunzwe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3), ategereje kuburana;

2 º afunzwe nyuma yo gukatirwa igihano cy'igifungo kitarenze amezi atandatu (6).

Section 2: Suspension due to faults or offenses committed

Article 65: Disciplinary suspension

Disciplinary suspension shall mean a situation where an Officer or Non-Commissioned Officer and Troops is temporarily suspended from his/her duties due to his/her conduct incompatible with military discipline.

Modalities for disciplinary suspension shall be provided for by the Order of the Minister in charge of defense forces.

Article 66: Suspension due to criminal investigation

Any soldier shall be suspended due to criminal investigation against him/her when:

1 º he/she is being held in custody on pre-trial detention for a period not exceeding three (3) months;

2 º he/she is being held in custody on enforcement of a judicial sentence for a period not exceeding six (6) months.

Section 2 : Suspension pour cause de fautes or infractions commises

Article 65 : Suspension disciplinaire

La suspension disciplinaire signifie une situation où l'Officier, Sous-officier ou homme de troupes est provisoirement suspendu de ses fonctions à la suite de son comportement incompatible avec la discipline militaire.

Les modalités de suspension disciplinaire sont prévues par l'arreté du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

Article 66 : Suspension suite d'une investigation criminelle

Tout militaire peut être suspendu suite à une enquête menée contre lui quand:

1 º Il est tenu en détention provisoire pendant une période n'excédant pas trois (3) mois ;

2 º Il purge une peine d'emprisonnement n'excédant pas six (6) mois.

Ingingo ya 67: Ingaruka zo guhagarikwa ku kazi

Umu ofisiye wese, umu su-ofisiye cyangwa umusirikare muto wahagaritswe ku kazi by'agateganyo abona bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we kandi ntazamurwa mu ntera no mu burambe bw'akazi mu gihe cy'ihagarikwa ku kazi by'agateganyo.

Iyo umusirikare wahagaritswe ku murimo bitewe no gukurikiranwaho icyaha, bigaragaye ko ari umwere asubizwa uburenganzira bwe yari yarambuwe.

Article 67: Consequences of suspension

Any Officer, Non Commissioned Officer or Troops under temporary suspension shall receive two third (2/3) of his/her remuneration and shall loose the right to promotion and seniority during the temporary suspension period.

When a soldier under suspension due to criminal investigation is not found guilty, he/she shall reinstate his/her rights he/she had lost due to the the suspension.

Article 67 : Effets de suspension

Tout Officier, Sous-officier ou homme de troupes en état de suspension reçoit deux tiers de sa rémunération et perd son droit à l'avancement en ce qui concerne la promotion et ancienneté pendant la période de suspension.

Si, un militaire en état de suspension suite à une investigation criminelle est acquitté, il reintégre les droit qu'il avait perdu suite à la suspension.

Ingingo ya 68: Irangizwa ry'ihagarikwa ku kazi by'agateganyo

Guhagarikwa ku kazi birangizwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha kubera impamvu zikurikira:

1º iyo igihe cy'ihagarikwa kubera imyitwarire mibi kirangiye;

2º iyo uwari ufunze by'agateganyo yafunguwe kubera ko icyaha kitamuhama;

3º iyo arangije igihano yari yarakatiwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 66 y'iri teka.

Article 68: Termination of temporary suspension

Termination of suspension from duty shall be decided by the competent authority due to the following reasons:

1º when the disciplinary suspension period ends;

2º in case of acquittal decision following a pre-trial detention;

3º after serving his/her conviction as provided for in Article 66 of this Order.

Article 68 : Fin de suspension

La fin de la suspension d'activité est décidée par l'autorité compétente pour des raisons suivantes :

1º quand la période de suspension disciplinaire prend fin ;

2º en cas d'acquittement après la détention provisoire ;

3º après avoir purgé sa peine dans les conditions prévues par l'article 66 du présent arrêté.

INTERURO YA V: UMUSHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABASIRIKARI

Icyiciro cya mbere: Umushahara

Ingingo ya 69: Umushahara

Umushahara w'abasirikare utangwa hakurikijwe imiterere yihariye y'imirimo ya gisirikare. Umushahara ugamije by'umwihariko gukundisha umurimo abasirikare b'Ingabo z'u Rwanda n'abifuza kuba bo.

Ingingo ya 70: Ibigize umushahara n'uko utangwa

Umushahara ugizwe n'ibi bikurikira:

1 º umushahara fatizo ujyanye n'ipeti umusirikare agezeho;

2 º Agahimbazamusyi kagizwe n'ibi bikurikira:

a) amafaranga y'icumbi;

b) ingereka y'ubumenyi runaka bujyanye n'amashuri;

c) indi ngereka iyo ariyo yose yagenwa n'Iteka rya Minisitiri.

TITLE V: SALARY AND FRINGE BENEFITS FOR A SOLDIER

Section One: Salary

Article 69: Salary

Salary of military personnel shall be considered in relation to the unique nature of the military service. Its overarching objective shall be the attraction and retention of personnel within the Rwanda Defence Forces.

Article 70: Components of the salary and its paiement

Salary shall comprise of the following:

1 º basic salary related to the conferred rank;

2 º Allowances comprises of the following:

a) house allowance;

b) professional/skills allowances;

c) any other allowance as may be determined by a Ministerial Order.

TITRE V : SALAIRE ET AUTRE AVANTAGES POUR UN MILITAIRE

Section première : Salaire

Article 69 : Salaire

Le salaire est lié à la nature particulière du service militaire. Son objectif primordial est de motiver le personnel des Forces Rwandaises de Défense et ceux qui voudraient le devenir.

Article 70 : Les composantes du salaire et son payement

Le salaire est constitué:

1 º du salaire de base afférant au grade conféré ;

2 º Des indemnités comprenant :

a) indemnités de logement ;

b) indemnités professionnelles;

c) toute autre indemnité pouvant être déterminée par arrêté ministériel.

Umushahara utangwa uko buri kwezi kurangiye.

Salary shall be paid at the end of every month.

Le salaire est payé à la fin de chaque mois.

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 67 y'iri teka, umushahara utangwa hashingiwe ku kazi kakozwe.

Without prejudice to the provisions of Article 67 of this Order, salary shall be paid only for the period of service.

Sans préjudice des dispositions de l'article 67, le salaire est dû uniquement durant la période d'activité.

Ingingo ya 71: Umutegetsi ufite ububasha bwo kwemeza ingereka ku mushahara

Article 71: Authority empowered to determine allowances

Article 71 : L'autorité déterminant les indemnités

Ingereka ku mushahara zigugwa mu ngingo ya 73 y'iri teka ziganwa n'iteka rya Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze.

Allowances provided for in Article 73 of this Order shall be determined by an Order of the Minister in charge of defence forces.

Les indemnités prévues à l'article 73 du présent arrêté son déterminées par arrêté du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

Ingingo ya 72: Umushahara w'abategurirwa kuba ba ofisiye n'amakurutu

Article 72: Salary for Officer cadets and recruits

Article 72: Salaire des candidats officiers et des recrues

Umushahara w'abategurirwa kuba ba ofisiye ungana n'uwa Soluda ku basivili binjijwe mu gisirikare. Ababa basanzwe ari abasirikare bahemberwa ipeti bagezeho.

The salary for Officer Cadets shall be equivalent to that of a Private rank for newly recruited civilians. A soldier already in service is paid according to his/hr rank.

Le salaire des candidats officiers est équivalent à celui du grade de soldat pour les civils nouvellement enrolés. Un militaire en service est payé selon son rang.

Umushahara w'amakurutu ungana n'icya kabiri (1/2) cy'umushahara wa Soluda.

The salary of recruits shall be equivalent to half (1/2) of that of a Private rank.

Le salaire des recrues est équivalent à la moitié (1/2) de celui du grade de soldat.

Iteka rya Perezida ryemeza imishahara y'abasirikare.

A Presidential Order approves salary rates for the military personnel.

L'arrêté présidentiel approuve les salaires du personnel de Forces Rwandaises de Défense.

Ingingo ya 73: Ingereka yongerwa ku mushahara buri mwaka

Umushahara w'umusirikare wiyongera buri mwaka hakurikijwe politiki y'imishahara mu Rwanda.

Icyiciro cya 2: Ibindi abasirikari bagenerwa

Ingingo ya 74: Ibindi abasirikare bagenerwa

Aba Ofisiye, ba Su-Ofisiye n'Abasirikare Bato bagenerwa kandi ibi bikurikira:

1 º amafaranga y'ibibatunga;

2 º kwambikwa imyenda ya gisirikare;

3 º icumbi ;

4 º kuvuzwa;

5 º amafarangayo gukaraba;

6 º ubwiteganyirize bw'abakozi;

7 º igabanyirizwa ry'ibiciro;

8 º amafaranga yo kwinjizwa mu ngabo;

Article 73: Annual increment to the salary of military personnel

Salary for military personnel shall increase annually in accordance with the National salary policy.

Section 2: Fringe benefits

Article 74: Fringe benefits of military personnel

Officers, Non Commissioned Officers and Troopers shall also be entitled to the following benefits:

1 º feeding ;

2 º military clothing ;

3 º accomodation ;

4 º medical care;

5 º compassionate package;

6 º social security ;

7 º discount shopping ;

8 º incorporation allowance;

Article 73 : Augmentations annuelles

Le salaire du personnel militaire est sujet à une augmentation annuelle selon la politique nationale des salaires.

Section 2 : Autres avantages

Article 74 : D'autres avantages du personnel militaire

Les Officiers, les Sous-officiers et hommes de troupes ont également droit aux avantages suivants :

1 º ration alimentaire ;

2 º habillement militaire ;

3 º logement ;

4 º soins médicaux ;

5 º frais funéraires ;

6 º sécurité sociale ;

7 º rabais ;

8 º frais d'incorporation ;

9 º ubwidagaduriro;	9 º recreation facilities;	9 º équipements de récréation;
10 º amafaranga yo kurangiza amasezerano;	10 º end of contract package;	10 º indemnité de fin de contrat ;
11 º amafaranga y'Impozamarira ;	11 º retirement package;	11 º indemnité de retraite ;
12 º imidari y'ishimwe n'ibindi bimenyetso ;	12 º terminal benefits;	12 º allocation de décès ;
13 º amafaranga y'imperekeza y'abagiye mu zabukuru ;	13 º medals and distinctions;	13 º médailles et titres honorifiques ;
14 º ibindi bihembo byagaragara ko ari ngombwa bikemezwa na Perezida wa Repubulika.	14 º Any other benefit that may be deemed necessary and decided by the President of the Republic.	14 º tout autre avantage qui peut être considéré nécessaire et décidé par le Président de la République.

Ingingo ya 75: Agahimbazamusyi ko kwinjira

Iyo umusirikare yinjiye mu gisirikare agashyira umukono ku masezerano ahabwa agahimbazamusyi ko kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda kangana n'inshuro eshatu (3) z'umushahara fatizo ahembwa.

Article 75: Entry allowance

On his/her definitive entry into service, every soldier who signs an initial contract with Rwanda Defense Forces shall be entitled to an entry allowance equivalent to three (3) months basic salary.

Article 75 : Frais d'incorporation

A son entrée en service, tout militaire qui signe son premier contrat au sein des Forces Rwandais de la Défense a droit aux frais d'incorporation équivalent à trois (3) mois du salaire de base.

Ingingo ya 76: Amafaranga ahabwa abarangije amasezerano

Iyo arangije amasezerano ye, buri mu ofisiye cyangwa umusirikare muto ahabwa amafaranga agenerwa abarangije amasezerano angana n'amezi atatu (3) y'umushahara

Article 76: End of contract package

At the end of his/her contract, every officer or any soldier shall receive an end of contract package equivalent to three (3) monthsof his/her last gross salary, if he/she has signed

Article 76 : Indemnités de fin de contrat

A la fin de son contrat, chaque Officier ou tout autre militaire reçoit une indemnité de fin de contrat équivalent à trois (3) mois de son salaire brut s'il a signé son contrat une fois

mbumbe we iyo yasinye amasezerano inshuro imwe (1), amezi atandatu (6) iyo yayasinye inshuro ebyiri (2) cyangwa amezi icyenda (9) iyo yasinye amasezerano inshuro eshatu (3).

his/her contrat once, six (6) months if has signed two (2) times or nine if he/she has signed three (3) times.

(1), six (6) mois, s'il l'a signé deux (2) fois ou neuf (9) mois si il a signé son contrat trois (3) fois.

Umusirikare ugengwa n'amasezerano usezerewe ku kazi ahabwa amafaranga yo kurangiza amasezerano hashingiwe ku mubare w'amezi amaze mu kazi, akabarwa hakurikijwe ikigereranyo cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kingana n'amezi atatu (3) arihwa ku muntu wakoze amezi mirongo itandatu (60).

Discharged soldier under contract shall receive an end of contract package based on the number of months served calculated proportionally to the ratio referred to in the Paragraph One of this Article equivalent to three (3) months paid per sixty (60) months of service.

Un militaire sous contrat dont le contrat est résilié reçoit une indemnité de fin de contrat calculée sur base du nombre de mois passés en service et calculée proportionnellement dans le rapport de trois (3) mois payés pour soixante mois de service.

Ingingo ya 77: Amafaranga ahabwa abagiye mu zabukuru

Article 77: Retirement package

Article 77: Indemnité de retraite

Ofisiye, cyangwa Su- Ofisiye ugiye mu zabukuru ahabwa amafaranga yagenewe abajya mu zabukuru angana n'umushahara w'imbumbe w'amezi mirongo itatu n'atandatu (36) wabazwe hakurikijwe umushahara w'imbumbe yari agezeho.

At his/her retirement, a career officer or Non Commissioned Officer shall be entitled to a retirement package equivalent to thirty six (36) months' last gross salary to be calculated basing on his/her last gross salary.

A sa retraite, un Officier ou sous Officier de carrière a droit à une indemnité de retraite équivalente au salaire brut de trente six (36) mois calculé sur base de son dernier salaire brut.

Undi musirikare w'umwuga wese usezerewe mu Ngabo ahabwa amafaranga agenerwa abagiye mu zabukuru angana na kimwe cya cumi cy'umushahara w'imbumbe yari agezeho ukubye umubare w'amezi yari amaze mu gisirikare.

Any other discharged career soldier shall receive a retirement package equivalent to a tenth of his/her latest last gross salary times the total number of months served.

Tout autre militaire de carrière dont le contrat est résilié reçoit une indemnité de retraite équivalente au dixième de son dernier salaire brut multiplié par le nombre de mois servis.

Ingingo ya 78: Amafaranga y'impozamarira

Umuryango w'umusirikare upfuye akiri mu mirimo ye ugenerwa amafaranga y'impozamarira angana n'umushara mbumbe we w'amezi atandatu (6).

Article 78: Death allowances

The family of a deceased soldier who dies while still in service shall be entitled to death allowances equivalent to six (6) times his/her last gross salary.

Article 78 : Indemnité de décès

La famille d'un militaire qui meurt alors qu'il est encore en service a droit à un montant équivalant à six (6) fois son salaire brut, à titre d'indemnité de décès.

Ingingo ya 79: Amafaranga y'ishyingura

Umubare w'amafaranga y'ishyingura ugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze.

Article 79: Funeral expenses

Funeral expenses shall be determined by an Order of the Minister in charge of defence forces.

Article 79 : Frais funéraires

Les frais funéraires sont déterminés par un arrêté du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

Ingingo ya 80: Imidari y'ishimwe n'ibindi bimenyetso

Byemejwe n'Umugaba w'Ikirenga, abisabwe na Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze, Ofisiye, Su-Ofisiye cyangwa umusirikare muto ubaye intangarugero mu kazi ahabwa Imidari n'ibindi bimenyetso by'ishimwe bitangwa mu Ngabo z'u Rwanda. Ashobora kubihabwa akiri mu kazi, agiye mu kiruhuko cy'izabukuru cyangwa apfuye.

Amoko y'imidari n'ibimenyetso by'ishimwe, imitere yabyo ndetse n'ibigenderwaho mu kubitanga bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Umusirikare yamburwa umudari we

Article 80: Medals and distinctions

On the request of the Minister in charge of defence forces and on approval by the Commander-in-Chief, Medals and other honorary distinctions shall be awarded to an Officers, Non Commissioned Officer or Troopers who will have served honorably. He/she may be awarded during active service, after retirement or posthumously.

The list of medals and other honorary distinctions to be awarded, their design as well as criteria for granding them shall be determined by a Ministerial Order.

A soldier shall be deprived of his/her medal or

Article 80 : Médailles et titres honorifiques

Sur proposition du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions et approbation du Commandat Suprême, les médailles et autres titres honorifiques sont attribués à un Officier, Sous-officiers ou hommes de troupes qui a servi honorablement. Il peut être attribués pendant le service actif, après la retraite ou à titre posthume.

La liste des médailles et autres titres honorifiques, la forme ainsi que les conditions de leur attribution sont determinés par arrêté ministériel.

Un militaire est dépossédé de sa médaille ou

w'ishimwe cyangwa ibindi bimenyetso iyo yagaragayeho igikorwa cy'iterasoni.

honorary distinction when he/she commits a disgraceful act.

titre honorifique quand il commet un acte dégradant.

INTERURO YA VI: IBIHANO BW'IMYITWARIRE

TITLEVI: DISCIPLINARY MEASURES

TITRE VI : REGIME DISCIPLINAIRE

Ingingo ya 81: Ikosa ry'imyitwarire

Ikosa ry'imyitwarire mibi ni ugukora ikibujijwe cyangwa kudakora igitegetswe, byaba ku bushake cyangwa guteganya gucye bigira ingaruka ku kazi ka gisirikare, kutumvira amabwiriza yatanzwe mu buryo bwubahirije amategeko n'abakuriye umusirikari cyangwa gukora ibyanduza isura nziza y'Ingabo z'u Rwanda.

Article 81: Disciplinary fault

A disciplinary fault shall consist of any commission or omission, be it voluntary or out of negligence which may impede one's military duties, disobedience to lawful orders given by a superiors or any other behavior tarnishing the image of the Rwanda Defence Forces.

Article 81 : Faute disciplinaire

Une faute disciplinaire consiste en tout acte ou omission, volontaire ou involontaire, pouvant porter atteinte à l'accomplissement des devoirs militaires, la désobéissance aux ordres légitimes donnés par son supérieur ou tout comportement susceptible de ternir l'image des Forces Rwandaises de Défense.

Ingingo ya 82: Ingaruka ry'ikosa ry'imitwarire

Amakosa ya disipulini ashobora gutuma habaho icyarimwe ikurikiranwa mu rwego rwa disipulini no mu nkiko cyangwa ikurikiranwa rimwe muri ayo yombi.

Article 82: Consequences of a disciplinary fault

A disciplinary fault may lead to both disciplinary and judicial punishment or one of them.

Article 82: Les Conséquences d'une faute disciplinaire

Une faute disciplinaire peut déclencher à la fois une procédure disciplinaire et pénale, ou l'une des deux.

Ikurikiranwa mu rwego rwa disipulini rikorwa hatitawe ku ikurikiranwa mu nkiko.

Disciplinary proceedings shall be conducted independently from judicial proceedings.

La procédure disciplinaire est indépendante de la procédure judiciaire.

Ingingo ya 83: Ikurikiranwa mu rwego rwa disipulini

Ikurikiranwa mu rwego rwa disipulini rikorwa

Article 83: Disciplinary action

Disciplinary action must be conducted in

Article 83: L'action disciplinaire

La procédure disciplinaire doit

mu nyandiko.

Buri musirikare afite uburenganzira bwo kwiregura ku cyemezo icyo aricyo cyose cyamufatirwa mu rwego rwa disipulini.

Iteka rya Minisitiri riteganya amabwiriza agenga y'imyitwarire myiza mu Ngabo z'u Rwanda.

<u>INTERURO YA VII</u>: KUREKA AKAZI

<u>Ingingo ya 84</u>: Impamvu zo kureka akazi

Akazi ka gisirikari gahagarara kubera impamvu zikurikira:

1 º Ikiruhuko cy'izabukuru ;

2 º Irangira ry'amasezerano ;

3 º Iseswa ry'amasezerano;

4 º Kwegura byemewe byarasabwe ;

5 º Ukurekurwa;

6 º Urupfu

writing.

Every soldier shall have the right of defence before any disciplinary action is taken against him/her.

A Ministerial Order determines the Disciplinary Code of the Rwanda Defence Forces.

<u>TITLE VII:</u> CESSATION OF SERVICE

<u>Article 84</u>: Causes of cessation of service

The military service shall cease due to following reasons:

1º Retirement;

2º Termination of contract ;

3º Rescission of contract;

4º Granted request;

5º Discharge ;

6º Death.

obligatoirement être écrite.

Aucune sanction disciplinaire ne peut être prononcée sans que l'intéressé ait eu la possibilité de présenter ses moyens de défense.

Un arrêté ministériel détermine le Code de Discipline des Forces Rwandaises de Défense.

<u>TITRE VII</u>: FIN DU SERVICE MILITAIRE

<u>Article 84</u> : Les causes de la cessation de service

Le service militaire prend fin pour des raisons suivantes :

1 º Retraite ;

2 º Fin du contrat ;

3 º Résiliation du contrat;

4 º Demande accordée ;

5 º Réforme;

6 º La mort.

Ingingo ya 85: Ikiruhuko cy'izabukuru ku musirikari w'umwuga

Imyaka ntarengwa y'ikiruhuko cy'izabukuru kuri Ofisiye w' umwuga cyangwa su-ofisiye mukuru w'umwuga ni iyi ikurikira:

1 º Ofisiye Jenerali: Imyaka mirongo itanu n'itanu (55);

2 º Ofisiye mukuru: Imyaka mirongo itanu (50);

3 º Ofisiye muto cyangwa Su-ofisiye mukuru: Imyaka mirongo ine n'itanu (45).

Ariko kubera impamvu zihariye kandi mu nyungu z'akazi, umutegetsi ufite ububasha bwo kuzamura mu ntera ashobora kongera imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru Ofisiye cyangwa Su-ofisiye mukuru b'umwuga. Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenza imyaka itanu (5).

Ofisiye cyangwa Su-ofisiye mukuru ashobora guhabwa ikiruhuko cy'izabukuru nyuma yo gukora imyaka makumyabiri (20) cyangwa mu gihe hasigaye imyaka itanu (5) mbere y'uko imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru igera.

Umutegetsi ufite ububasha bwo kuzamura mu

Article 85: Retirement for a career soldier

Age limit for retirement of a career Officer or a career senior Non Commissioned Officer shall be the following:

1 º General officer: fifty five (55) years;

2 º Senior officer : fifty (50) years;

3 º Junior Officer or Senior Non Commissioned Officer: forty five (45) years.

However, in exceptional cases and in the interest of service, the authority entrusted with the power of promotion may extend the retirement age for a career Officer or Senior Non Commissioned Officer. The extended period shall not be more that five (5) years.

Career Officer or Senior Non Commissioned Officers may apply for retirement after twenty (20) years of service, or within five (5) years before the age limit of retirement.

The authority entrusted with the power of

Article 85 : La retraite pour un militaire de carrière

La limite d'âge pour la mise à la retraite d'un Officier de carrière et un Sous-officier Supérieur de carrière sont les suivantes :

1 º Officiers généraux : cinquante cinq (55) ans ;

2 º Officiers supérieurs : cinquante (50) ans ;

3 º Officiers subalternes ou Sous-Officier Supérieur: quarante cinq (45) ans

Toutefois, dans des cas exceptionnels et pour l'intérêt du service, l'autorité nantie du pouvoir de promotion peut prolonger l'âge maximum de la retraite pour un officier de carrière ou un Sous-officier supérieur de carrière. La période d'extension ne peut aller au-delà de cinq (5) ans.

Un officier de carrière ou un sous-officier supérieur de carrière peut solliciter la mise à la retraite dès qu'il atteint vingt ans de service, ou cinq (5) ans avant l'âge pour la mise à la retraite.

L'autorité nantie du pouvoir de promotion peut

ntera ashobora gutanga ipeti rikurikiraho kuri Ofisiye cyangwa Su-ofisiye ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru.

promotion may confer the rank immediately higher to an officer or Senior Non Commissioned Officer upon retirement.

conférer le grade immédiatement supérieur à un Officier ou sous-officier supérieur qui prend sa retraite.

Hatabangamiwe ibivugwa mu ngingo ya 77 y'iri teka, Ofisiye cyangwa Su-ofisiye ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa pansiyo y'ubusaza hakurikijwe amategeko abigenga.

Without prejudice to the provisions of Article 77 of this Order, retired Officer or Senior Non Commissioned Officer shall enjoy their pension rights in conformity with the relavant laws.

Sans préjudice des dispositions de l'article 77 du présent arrêté, l'officier ou le sous-officier supérieur admit à la retraite jouit d'une pension de vieillesse conformément à la législation en vigueur.

Ingingo ya 86: Umuyobozi ufite ububasha bwo kwemeza ikiruhuko cy'izabukuru

Article 86: Authority entrusted with the power to decide the retirement

Article 86 : Autorité d'admission à la retraite

Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru byemezwa n'umutegetsi ufite ububasha bwo kuzamura mu ntera.

The retirement shall be decided by the authority entrusted with the power of promotion.

L'admission à la retraite est décidée par l'autorité nantie du pouvoir de promotion

Ingingo ya 87: Gusaba guhagarika umurimo

Article 87: Application for cessation of service

Article 87 : La demande de cessation de service

Gusaba guhagarika akazi ku basirikare b'umwuga bikorwa mu nyandiko binyujijwe mu ruhererekane rw'ubuyobozi.

Application for cessation of service by a career soldier shall be made in writing through the chain of command.

La demande de cessation de service par un militaire de carrière est faite par écrit tout en respectant la chaîne de commandement.

Umutegetsi ubifitiye ububasha asuzuma inyandiko yo gusaba guhagarika akazi mu minsi mirongo icyenda (90) uhereye ku itariki yamugereyeho. Icyo gihe kirangiye umutegetsi ubifitiye ububasha nta cyemezo afashe, gusaba bifatwa nk'aho byemewe.

The competent authority shall handle the case within ninety (90) days from the date he/she receives the application. If that period expires without any decision, the application shall be considered granted.

L'autorité habilitée statue sur le cas endéans quatre vingt dix (90) jours à dater de la réception de la demande. Si ce délai expire sans qu'une décision soit prise, la demande de cessation de service est considérée comme acceptée.

Ingingo ya 88: Gusezerera ku kazi umusirikare ufite ubumuga

Umutegetsi ufite ububasha bwo kuzamura mu ntera afite ububasha bwo gusezerera Ofisiye cyangwa umusirikare muto wese ufite ubumuga hashingiwe kuri raporo y'akanama k'abaganga, cyangwa ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 33 z'iri teka.

Ofisiye, su-ofisiye cyangwa umusirikare muto wese usezerewe kubera impamvu z'ubumuga ahabwa pansiyo y'ubumuga nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga ubwiteganyirize bw'abakozi.

Article 88: Discharge of a soldier with disability

The promoting authority shall have the right to discharge any Officer, Non Commissioned Officer or Trooper with disability based on medical commission report or for reasons referred to in Article 33 of this Order.

Any officer, Non Commissioned Officer or Trooper discharged on medical grounds shall be entitled to a disability pension in conformity with relavant laws.

Article 88 : La réforme

L'autorité nantie du pouvoir de promotion décide la cessation du service pour tout militaire ayant une incapacité constatée par le rapport médical ou pour causes prévues à l'article 33 du présent statut.

Tout Officier, Sous-officier ou homme de troupe reformé pour des raisons médicales a droit à une pension d'invalidité, conformément à la législation de sécurité sociale.

Ingingo ya 89: Uburenganzira nyuma yo gusezererwa mu kazi

Nyuma yo gusezererwa ku kazi, ofisiye cyangwa undi musirikare wese yemerewe kwambara imyenda n'amapeti n'imidari ya gisirikare igihe cy'iminsi mikuru ya Leta.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingi ntibireba umusirikare uwo ari we wese uzaba yirukanywe mu Ngabo z'u Rwanda.

Article 89: Rights after termination of service

After cession of service, any Officer, Non-Commissioned Officer or Trooper shall deserve the right to wear the ceremonial dress, insignia of his/her last rank and medals during national official ceremonies.

The provision of Paragraph One of this Article shall not apply to any soldier who is dismissed from Rwanda Defence Forces.

Article 89 : Droits d'un militaire après cessation définitive de service

Tout Officier, Sous-officier et homme de troupes qui cesse définitivement son service est autorisé à porter l'uniforme et les insignes de son dernier grade, à l'occasion des cérémonies officielles.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à tout militaire révoqué des Forces Rwandaises de Défense.

INTERURO YA VIII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 90: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze na Minisitiri w'Imaro n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 91: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka

Iteka rya Perezida n° 72/01 ryo ku wa 08/07/2002 rishyiraho Sitati rusange igenga abasirikare nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 92: Igihe iteka ritangirira gukurizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **03/09/2012**

TITLE VIII: FINAL PROVISIONS

Article 90: Authorities responsible for the implementation of this Order

Prime Minister, the Minister of Defence and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of thir Order.

Article 91: Repealing provision

Presidential Order n° 72/01 0f 08/07/2002 establishing the Army General Statutes as amended to date and all prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 92: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **03/09/2012**

TITRE VIII : DISPOSITIONS FINALES

Article 90 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de Défense et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 91: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Présidentiel n° 72/01 0f 08/07/2002 portant Statut Général des militaires tel que modifié jusqu'à ce jour ainsi que toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 92: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **03/09/2012**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux